

Kigali, ku wa9...../12...../2020

N°3951/REB /TDM& CGC/20

Madamu/Bwana Umuyobozi w' Akarere (Bose)

Madamu/Bwana Umuyobozi Nshingwabikorwa w' Akarere (Bose)

Impamvu: Urutonde rw'agateganyo rw'abasabye akazi ko kwigisha

Madamu/Bwana Umuyobozi,

Nshingiye ku Iteka rya Perezida N° 064/01 ryo ku wa 16/03/2020 rishyiraho Sitati yihariye igenga abarimu b'amashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n'ay'Imyuga n'Ubumenyigiro mu ngingo ya 19; Nshingiye ku ibaruwa N° 300/HRO/20 yo ku wa 09/10/2020 Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa Komisiyo y'Igihugu Ishinzwe Abakozi ba Leta (NPSC) yandikiye Minisitiri w'Uburezi yemera ubusabe bwo gushaka abarimu hakoreshejwe uburyo budasanzwe;

Mboherereje urutonde ruriho amanota agaragara ku ndangamanota (Academic transcripts/results slips) z'abasabye akazi ko kwigisha mu mashuri y'Incuke, Abanza, Ayisumbuye n'ay'Imyuga mu Karere mubereye umuyobozi kugira ngo rushyirwe ahagaragara bityo bifashe abasabye akazi kureba ko umwirondoro wose ndetse n'amanota yanditswe aribyo.

Mu rwego rwo gukomeza gufatanya mu gikorwa cyo gushaka abarimu ariko hubahirizwa ibiteganwa n'amategeko, ndabasaba ibi bikurikira:

- Kumanika urwo rutonde ahagenewe kumanikwa inyandiko n'amatangazo by'Akarere;
- Gushyira urwo rutonde ku rubuga rw'Akarere (district website);
- Gufatanya n'Intumwa REB na RP kwakira no gukemura ibibazo by'abakandida batanyuzwe n'ibyatangajwe;
- Abakandida batanyuzwe n'ibyatangajwe barasabwa kugera ku biro by'Akarere basabyemo umwanya wo kwigisha kuva ku wa mbere tariki ya 14 Ukuboza 2020 kugeza ku wa gatatu tariki ya 16 Ukuboza 2020 saa kumi n'imwe (17h00) kugira ngo bagaragaze kandi bakemurirwe ibibazo byabo. Uzarenza itariki yavuzwe atagaragaje ikibazo cye azafatwa nk'uwemeye ibyatangajwe.



- Buri mu kandida utanyunzwe n'ibyangombwa aziyizira ubwe gusobanura ikibazo cye yitwaje ibyangombwa by'umwimerere (Original);
- Gufatanywa n'intumwa za REB na RP gutanga bitarenze taliki ya 16/12/2020 raporo y'ibyavuye mu bujurire bw'abakandida ndetse n'urutonde ntakuka (final publication list) ruzashingirwaho mu gushyira abarimu mu myanya.

Mugire amahoro.



Dr. SEBAGANWA Alphonse

Umuyobozi Mukuru w'Agateganyo

Bimenyeshjwe:

- Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi
- Nyakubahwa Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
- Nyakubahwa Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe Amashuri Abanza n'Ayisumbuye
- Nyakubahwa Umunyamabanga wa Leta Ushinzwe ICT na TVET
- Bwana Umunyamabanga Uhoraho/MINEDUC
- Bwana Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali
- Madamu/Bwana Guverineri w'Intara (Bose)